**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

**IJAMBO MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU NAMA RUSANGE Y'URUGAGA RW'ABAVOKA TARIKI YA 28/12/2018**

Perezida w'Urukiko rw' Ubujurire,
Bwana Perezida w'Urugaga rw'Abavoka,
Uhagarariye Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro,
Banyakubahwa mwese muteraniye aha,
Bavoka bagenzi banjye,

Mwaramutse.

Mbere na mbere ndashimira ubutumire bw'Urugaga rw'Abavoka muri iyi Nama Rusange ihurije hamwe Abavoka baturutse imihanda yose.

Munyemerere nanone nshimire Bwana Perezida, icyizere wongeye kugirirwa cyo kuyobora urugaga indi manda, wowe n'abo mufatanyije kuyobora twizeye ko muzageza urugaga kubyo mwadusezeranyije byose.

Iyi nama iziye igihe, kuko ari umwanya wo kongera kwisuzuma no kurebera hamwe uko Urugaga ruhagaze nyuma y'imyaka 21 ishize. Sinshidikanya ko hari byinshi byagezweho bishimije bishimangira iyubahirizwa ry'amategeko igihugu kigendegereho.

Bimwe muri ibyo Urugaga rushimirwa harimo:

- Umusanzu warwo uhoraho mu kubaka ubutabera mu Rwanda mu myaka rumaze;

- Kuba rwubaka ubumenyi bw'abarugize ku buryo buhoraho (CLE-Continuous Legal Education)
- Ndetse na gahunda ngaruka mwaka rushyiraho yo kuganira ku ngingo zigamije kunoza serivisi zitangwa n'Abavoka;

By'umwihariko, ndashima insanganyamatsiko y'uyu mwaka ijyanye no kunoza ubunyamwuga bwo shingiro ry'iterambere ry'umwuga n'ubutabera bunoze.

Urugaga rw'Abavoka ni rumwe mu nzego zigira uruhare rw'ingenzi mu migendekere myiza y'Ubutabera.

Ubutabera bugerwaho ku buryo bushimishije iyo inzego zabwo zose zinogeje ibyo zikora, bikanagaragarira mu buryo bwishimirwa n'ababugana.

Nk'abantu basobanukiwe amategeko, bakaba batezweho gufasha mu gutanga ubutabera bunoze buyashingiyeho, Abavoka dukwiye gukora kinyamwuga, tukanirinda umugayo. Ibi bigira ingaruka nziza ku bagenerwa bikorwa, bakishimira serivisi z'ubutabera bahabwa.

Iyo hari rumwe mu nzego zigira uruhare mu gutanga ubutabera rudakoze neza inshingano zarwo, umuturage araharenganira, kubera ko niho hava ibyemezo bitanoze, bidakemura uko bikwiye ibibazo by'abaturage, ibyo bigasiga inzego z'ubutabera isura ya ruswa, cyangwa se iy'ubuswa.

Urugaga w'Abavoka rufite inshingano ikomeye yo gufasha mu gutanga ubutabera bunoze.

Avoka nk'uhagararira cyangwa akunganira umuturage aho byemewe hose ntabwo ari intumwa yo kuvuga ibyo yabwiwe n'umukiliya we gusa, ahubwo ni umuhanga ugomba kumva ikibazo yagejejweho, agakora isesengura, agakora ubushakashatsi mu mategeko, mu nyandiko z'abahanga ndetse no mu byemezo by'inkiko ku bibazo byabanjirije igisa nk'icyo afite mu rubanza, ndetse n'ahandi hose yavana ingingo zifatika zafasha mu kwanzura neza ku kibazo, kugira ngo afashe bihagije mu kwerekana ukuri n'ibikwiye gushingirwaho mu gutanga ubutabera bunoze kuri icyo kibazo.

Ntabwo rero Avoka ari umwambaro cyane, cyangwa se ikarita y'umwuga, Avoka ni icyo afasha umwiyambaje, ndetse icyo gihe akaba anafashije urukiko cyangwa izindi nzego, z'ubucamanza cyane cyane, ndetse n'izindi zose byaba ngombwa ko akorana na zo.

Amategeko Ngenga mikorere y'Urugaga rw'Abavoka ateganya ko Avoka agomba kuba inyangamugayo, no kuba umunyakuri.

Icyakora ariko, mu myaka yatambutse ndetse itari n'iya kera cyane hari abavoka bagiye bateshuka ku mahame y'umwuga wabo bagatatira indahiro bakagwa mu makosa. Muri abongabo, hari abakurikiranwe mu rwego disipulini na Komisiyo ngengamyitwarire y'Urugaga, abandi bakurikiranwa mu rwego nshinjabyaha, ndetse bamwe bahamwa burundu n'ibyaha barafungwa bazira cyane cyane ruswa, icyaha gikorwa hagamijwe kuburizwamo ubutabera.

Avoka ni umuntu yego, ariko guhitamo kuba Avoka bikwiye kuba guhitamo kuba ntamakemwa, inyangamugayo, ukaba intangarugero mu mategeko ndeste no mu yindi myitwarire yo mu buzima busanzwe,

Kumenya amategeko ariko ukayarengaho ukayica ukabibazwa bikaguhama bigaragara nk'aho kuba uyazi ntacyo bikumariye, ndetse nta n'ikintu kinini byamarira abandi. Nagira ngo nshimangire ko ikurikiranwa ry'umwavoka bimunga icyizere abaturage bafitiye urugaga rwose.

Abavoka beza bakorana ubunyangamugayo, umwete, ubwitange n'ibindi byiza ni benshi, ariko n'umwe mubi ntakwiye kubarizwa mu Rugaga rwacu. Urugaga rugomba guhorana isura nziza, kurindwa kandi narwo ubwarwo rukirinda Abavoka bake babi mu barugize barwangiriza isura.

Ku bw'iyo mpamvu, buri Avoka wese akwiye kurwana intambara yo guteza imbere Urugaga, yirinda imikorere, imigirire n'imigenzereze irugaragaza nabi, yamagana kandi imikorere, imigirire n'imigenzereze mibi ya mugenzi we abashije kubona.

**Bityo rero ku bijyanye n'Urugaga rw'Abavoka, Urwego rw'Ubutabera rukaba rwifuza ko mu mwaka wa 2019 ndetse n'imyaka izakurikiraho Urugaga rw'Abavoka rwakagombye kurangwa na Avoka:**

- Wiyubaha kandi akubahisha umwuga we;
- Ufasha abamugana kubona ubutabera bunoze kandi mu gihe gikwiye;
- Ugendera kure icyateza icyasha nka ruswa, n'ibindi bikorwa byanduza umwuga w'ubwavoka;
- Urangiza neza inshingano ze haba izo agomba Urugaga, Abakiliya be, inshuti ze ndetse n'umuryango we;
- Wubahiriza amahame remezo y'umwuga w'ubwavoka;

- Uba intangarugero muri sosiyete cyane cyane aho atuye, aho akorera n’abo akorana nabo;
- Ufasha abakeneye ubutabera kububona vuba kandi agaharanira ko uwo yunganira anyurwa na serivisi;
- Ugerageza ibishoboka byose agakemura ikibazo yagirana n’umukiriya we cyangwa se mugenzi we mbere y’uko bihinduka impaka;
- Ugendana n’igihe n’umuvuduko isi igenderaho, ntasigare inyuma;

Mboneyeho umwanya wo gusoza mbifuriza kuzagira Noheli Nziza n’umwaka mushya muhire wa 2019, urangwa n’impinduka ziganisha aheza kurushaho mu kunoza umwuga wa Avoka.

Murakoze.